**Rwanda Council of Veterinary Doctors**
KG 569 St 1 Kacyiru
P.O.Box: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email:info@rcvd.rw
Website : www.rcvd.rw

**Ordre des Médecins Vétérinaires au Rwanda**
KG 569 St 1 Kacyiru
B.P.: 2949 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 78 888 3525
Email:info@rcvd.rw
Website : www.rcvd.rw

Kigali, 29/7/2026

Ref. N° : 143/RCVD/2026

# ITANGAZO RY'URUGAGA RW'ABAGANGA B'AMATUNGO RIREBANA N'IKIZAMINI CYO KWIYANDIKISHA MU RUGAGA RW'ABAGANGA B'AMATUNGO

Hashingiwe ku Itegeko N° 56/2013 ryo kuwa 09 Kanama 2013 rishyiraho Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 6, iya 7 n'iya 34;

Hibukijwe Amabwiriza N° 443/RCVD/2025 yo kuwa 31 Ukuboza 2025 agena imitangire y'icyangombwa cyo gukora (annual veterinary license), cyane cyane mu ngingo zayo, iya 7, iya 8 n'iya 10;

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (RCVD) buramenyesha abarangije kwiga ibirebana n'ubuvuzi bw'amatungo cyangwa imyororere y'amatungo, umwaka w'amashuri wa 2025, mu mashuri yisumbuye A2, mu mashuri makuru A1 na A0, ndetse n'abarangije mbere ya 2025 ariko kugeza ubu bakaba batanditse mu Rugaga rw'Abaganga b'amatungo, ko bose basabwe kwihutira kwiyandikisha banyuze muri website y'Urugaga kugirango bazakore ikizamini cyo kwemererwa gushyirwa ku rutonde rw'Urugaga.

Ikizamini cyishyurwa amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) ashyirwa kuri konti y'Urugaga BK 00040-00653033-35. Kwiyandikisha bizarangira taliki ya 25 Kanama 2026, ikizamini kibe tariki 30 Kanama,2026

Abazatsinda ikizamini basabwa guhita biyandikisha muri sisitemu ya AMIS bagahita basaba uruhushya rwo gukora" License". Abatsinzwe ikizamini giheruka ntibazongera kwishyura amafaranga yo kwiyandikisha. Ikizamini kizakorwa mu ndimi ebyiri, igifaransa n'icyongereza, naho amanota yo gutsinda ni ukuva kuri 70% kuzamura, ku byiciro byose.

Ku bindi bisobanuro n'andi makuru, mushobora guhamagara kuri RCVD, telefoni 078 888 3525,078 860 4614.

Rwanda Council of Veterinary Doctors
B.P.2949
Kigali - Rwanda

**Dr KAYUMBA Charles**

**Perezida w'Urugaga rw'Abaganga b'Amatungo mu Rwanda**